

Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda	Official Gazette of the Republic of Rwanda	Journal Officiel de la République du Rwanda
---	---	--

Ibirimo/Summary/Sommaire**Page****A. Amateka y'Abaminisitiri/Ministerial Orders/Arrêtés Ministériels****N° 93/11 ryo kuwa 14/09/ 2005**Iteka rya Minisitiri ryemera ihindurwa ry'amategeko agenga Umuryango « **SERUKA** ».....4
Amategeko Shingiro.....6**N° 204/15.00/07 ryo kuwa 30/05/2007**Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi Coopérative de mise en commun Kanama «**COMICOKA**».....14**N° 684/15.00/07 ryo kuwa 18/12/2007**Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi Coopérative de Développement du Bien Etre Familial «**CDEF**»15**N° 56/11 ryo kuwa 18/04/2008**Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi Umuryango Nyarwanda w'imfubyi za Sida zishyize hamwe
(**Amahoro**) kandi ryemera Abavugizi bawo.....16

Amategeko-Shingiro.....19

N° 100/11 ryo kuwa 31/07/ 2008Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi umuryango « **Le Pigeonnier** » kandi ryemera Abavugizi bawo.....31

Amategeko-Shingiro.....34

N° 003/2008 ryo kuwa 15/08/2008

Iteka rya Minisitiri risobanura ibisabwa n'uburyo bukurikizwa mu gukora isuzumangaruka ku bidukikije...43

N° 004/2008 ryo kuwa 15/08/2008Iteka rya Minisitiri rigena urutonde rw'imirimo, ibikorwa, n'imishinga igomba gukorerwa isuzumangaruka
ku bidukikije.....52**N° 005/2008 ryo kuwa 15/08/2008**

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo kugenzura ibigo cyangwa ibikorwa bihumanya ibidukikije.....61

N° 006/2008 ryo kuwa 15/08/2008Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo gutumiza no kohereza mu mahanga ibintu byangiza akayunguruzo
k'imirasire y'izuba, ibicuruzwa ndetse n'ibikoresho birimo ibyo bintu.....70**N° 007/2008 ryo kuwa 15/08/2008**

Iteka rya Minisitiri rishyiraho urutonde rw'ubwoko bw'innyamaswa n'ibimera birinzwe.....86

N°160/11 ryo kuwa 21/10/2008Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi Umuryango "Ishuri Rikuru ry'Ubukerarugendo" (**RTI**) kandi
ryemera Abavugizi bawo.....96

Amategeko-Shingiro.....100

N° 56/11 of 18/04/2008

Ministerial Order granting legal Status to the Rwandan Association for HIV/AIDS Orphans (Amahoro) and approving its legal Representatives.....	16
Statutes.....	19

N° 100/11 of 31/07/2008

Ministerial Order granting Legal Status to the Association «Le Pigeonnier» and approving its Legal Representatives.....	31
---	----

N° 003/2008 of 15/08/2008

Ministerial Order relating to the requirements and procedure for environmental impact assessment.....	43
---	----

N° 004/2008 of 15/08/2008

Ministerial Order establishing the list of works, activities and projects that have to undertake an environment impact assessment.....	52
--	----

N° 005/2008 of 15/08/2008

Ministerial Order establishing modalities of inspecting companies or activities that pollute the environment.....	61
---	----

N° 006/2008 of 15/08/2008

Ministerial Order regulating the importation and exportation of ozone layer depleting substances products and equipment containing such substances.....	70
---	----

N° 007/2008 of 15/08/2008

Ministerial Order establishing the list of protected animal and plant species.....	86
--	----

N° 160/11 of 21/10/2008

Ministerial Order granting Legal Status to “Rwanda Tourism Institute” (RTI) and approving its Legal Representatives.....	96
Constitution.....	100

N° 93 /11 du 14/09/ 2005

Arrêté Ministériel portant approbation des modifications apportées aux statuts de l’Association « SERUKA ».....	5
Statuts.....	6

N° 56/11 du 18/04/2008

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l’Association Rwanadaise des orphelins du SIDA (Amahoro) et portant agrément de ses Représentants Légaux.....	16
Statuts.....	19

N° 100/11 du 31/07/2008

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l’Association «Le Pigeonnier» et portant agrément de ses Représentants Légaux.....	31
Statuts.....	34

N° 003/2008 du 15/08/2008

Arrêté Ministériel relatif aux exigences et procédure à suivre pour une étude d’impact sur l’environnement.....	43
---	----

N° 004/2008 du 15/08/2008

Arrêté Ministériel portant la liste des travaux, activités et projets faisant l’objet d’une étude d’impact environnemental.....	52
---	----

N° 005/2008 du 15/08/2008

Arrêté Ministériel portant modalités d’inspection des entreprises ou des activités sources de pollution	
---	--

de l'environnement.....61

N° 006/2008 du 15/08/2008

Arrêté Ministériel réglementant les importations et exportations des substances appauvrissant la couche d'ozone et des produits et équipements contenant de telles substances70

N° 007/2008 du 15/08/2008

Arrêté Ministériel fixant la liste des espèces animales et végétales protégées.....86

N°160/11 du 21/10/2008

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l' " Institut Rwandais de Tourisme" (RTI) et portant agrément de ses Représentants Légeux.....96

Statuts.....100

B. Sociétés Commerciales

- **GEMOD FOREX BUREAU "S.a.r.l"**: Statuts.....113

- **MURRI FRERES S.A.R.L.** : Extrait du Procès-Verbal de l'Assemblée Générale Extraordinaire des Associés tenue à Kigali, le 20 novembre 2007.....117

C. IBINDI

- **NATIONAL BANK OF RWANDA**: Financial Situation at 30 September 2008.....119

- **NATIONAL BANK OF RWANDA**: Financial Statement for the period ended at 31 October 2008.....121

**ITEKA RYA MINISTIRI N° 93/11 RYO KUWA 14 NZERI 2005 RYEMERA IHINDURWA RY'AMATEGEKO
AGENGA UMURYANGO SERUKA.**

Minisitiri w'Ubutabera,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 120 n'ya 121 ;

Ashingiye ku Itegeko N°20/2000 ryo kuwa 26 Nyakanga 2000 ryerekeye imiryango idahaharanira inyungu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 12 n'ya 42 ;

Amaze kubona Iteka rya Perezida N° 27/01 ryo kuwa 18 Nyakanga 2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yayo ya mbere ;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri N°174/05 ryo kuwa 22 Gicurasi 1992 riha ubuzimagatozi umuryango **SERUKA**, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere ;

Abisabwe n'Umuvugizi w'Umuryango **SERUKA** mu rwandiko rwe rwakiriwe kuwa 30 Werurwe 2002 ;

ATEGETSE :

Ingingo ya mbere :

Icyemezo cy'abagize ubwiganze bw'umuryango SERUKA cyafatiwe mu Nteko Rusange yo kuwa 09 Werurwe 2002 cyo guhindura amategeko shingiro agenga uwo muryango nk'uko ateye ku mugereka w'iri teka kiremewe.

Ingingo ya 2 :

Ingingo zose z'amateka yabanjirije iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Ingingo ya 3 :

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi rishyiriweho umukono. Agaciro karyo gahera ku itariki ya 09 Werurwe 2002.

Kigali, kuwa 14/09/2005

Minisitiri w'Ubutabera

MUKABAGWIZA Edda.

(sé)

ARRETE MINISTERIEL N° 93 /11 DU 14 SEPTEMBRE 2005 PORTANT APPROBATION DES MODIFICATIONS APORTEES AUX STATUTS DE L'ASSOCIATION SERUKA

Le Ministre de la Justice,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003, spécialement en ses articles 120 et 121 ;

Vu la Loi N°20/2000 du 26 juillet 2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 12,14,et 42 ;

Vu l'Arrêté Présidentiel N° 27/01 du 18 juillet 2004 déterminant certains Arrêtés ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement à son article premier ;

Revu l'Arrêté Ministériel N° 174/05 du 22 mai 1992 accordant la personnalité civile à l'association **SERUKA**, spécialement à son article premier ;

Sur requête de la Représentante Légale de l'Association **SERUKA** reçue le 30 Mars 2002,

ARRETE:

Article premier :

Est approuvée la décision de la majorité des membres effectifs de la l'Association SERUKA prise au cours de l'Assemblée Générale du 9 mars 2002 de modifier les Statuts de la dite Association tels qu'ils figurent en annexe du présent Arrêté .

Articles 2 :

Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent Arrêté sont abrogées

Article 3 :

Le présent Arrêté entre en vigueur le jour de sa signature. Il sort ses effets à la date du 9 mars 2002.

Kigali, le 14 septembre 2005

Le Ministre de la Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

<p>STATUTS DE L'ASSOCIATION SANS BUT LUCRATIF «SERUKA».</p> <p>PREAMBULE.</p> <p>L'Assemblée Générale de l'Association « SERUKA », en sa session ordinaire tenue à Kigali le 09/03/2002;</p> <p>Vu la loi n° 20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en son article 42 qui prescrit aux associations ayant obtenu la personnalité civile par l'application de l'édit du 25/04/1962 de conformer leurs statuts à la nouvelle loi ;</p> <p>Considérant la volonté des membres de l'Association SERUKA de décentraliser les structures de celle-ci pour donner plus de liberté d'action aux structures locales;</p> <p>Revu les statuts de l'Association SERUKA du 14/12/1991;</p> <p>ADOpte LES STATUTS DE L'ASSOCIATION SERUKA, MODIFIES TEL QU'IL SUIT :</p> <p><u>CHAPITRE PREMIER.</u></p> <p>DE LA DENOMINATION, DU SIEGE SOCIAL, DE LA DUREE, DE L'OBJET ET DE LA ZONE D'ACTIVITES.</p> <p><u>Article premier</u></p> <p>Conformément à la législation rwandaise relative aux associations sans but lucratif, il est créé pour une durée indéterminée, une Association sans but lucratif dénommée « SERUKA », Association pour la promotion de la contribution active de la femme au développement, désignée ci-après « Association ».</p>	<p>AMATEGEKO SHINGIRO Y'UMURYANGO UDAHARANIRA INYUNGU «SERUKA. »</p> <p>IRANGASHINGIRO.</p> <p>Inteko Rusange y'Umuryango « SERUKA », mu nama yayo isanzwe yabereye i Kigali kuwa 09/03/2002;</p> <p>Imaze kubona Itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 rigenga imiryango idaharanira inyungu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42, itegeka imiryango yahawe ubuzimagatozi hakurikijwe iteka ryo ku wa 25/04/1962 guhuza amategeko shingiro yayo n'iri tegeko rishya;</p> <p>Ikurikije ubushake bw'abanyamuryango ba SERUKA bwo gushyiraho inzego z'ibanze z'umuryango no kuziha ubwisanzure buhagije;</p> <p>Yongeye gusuzuma amategeko shingiro y'Umuryango SERUKA yo kuwa 14/12/1991;</p> <p>YEMEJE AMATEGEKO SHINGIRO Y'UMURYANGO SERUKA, AHINDUYE NK'UKO BIKURIKIRA:</p> <p><u>UMUTWE WA MBERE.</u></p> <p>IBYEREKEYE IZINA, IGIHE, ICYICARO, INTEGO N'IMBIBI.</p> <p><u>Ingingo ya mbere</u></p> <p>Hakurikijwe amategeko nyarwanda agenga imiryango idaharanira inyungu, hashyizweho Umuryango udaharanira inyungu witwa « SERUKA », Umuryango ugamije gukangurira byimazeyo umugore kwitabira amajyambere. Mu ngingo zikurikira hakoreshwa « Umuryango ». Uzamara igihe kitagenwe.</p>
<p><u>Article 2</u></p> <p>L'Association a pour objet de promouvoir la contribution active de la femme rwandaise au développement de son pays.</p> <p>Ses activités principales sont :</p> <p>1° Sensibilisation de la femme rwandaise à ses droits au sein de la communauté ;</p> <p>2° Organisation et encadrement des femmes pour une participation active au développement du pays ;</p>	<p><u>Ingingo ya 2</u></p> <p>Umuryango ugamije gukangurira byimazeyo umunyarwandakazi kwitabira amajyambere y'igihugu cye.</p> <p>Ibikorwa byawo by'ingenzi ni ibi bikurikira :</p> <p>1° Gukangurira umunyarwandakazi uburenganzira bwe mu gihugu ;</p> <p>2° Gusuganya no kwegeranya abagore kugira ngo bashishikarire amajyambere y'igihugu ;</p>

<p>3° Sensibilisation et formation de la femme aux activités génératrices de revenus ;</p> <p>4° Sensibilisation des parents à la scolarisation de leurs enfants en général, et de la fille en particulier ;</p> <p>5° Recherche de solutions aux problèmes spécifiques de la femme ;</p> <p>6° Entretien des relations de partenariat avec d'autres institutions tant publiques que privées, ayant dans leurs actions la promotion de la femme.</p> <p><u>Article 3</u></p> <p>Le siège de l'Association est établi dans la Ville de KIGALI, District de Nyarugenge B.P.1117 KIGALI. Il peut être transféré en tout autre lieu du Rwanda sur décision de l'Assemblée Générale. L'Association exerce ses activités dans tout le pays.</p> <p>CHAPITRE II.</p> <p>DES MEMBRES</p> <p><u>Article 4</u></p> <p>L'Association se compose des membres fondateurs, des membres adhérents, des membres sympathisants et des membres d'honneur. Les membres fondateurs et les membres adhérents sont les seuls membres effectifs de l'Association.</p>	<p>3° Kwigisha no gukangurira umugore ibikorwa bibyara inyungu ;</p> <p>4° Gukangurira ababyeyi kwohereza abana babo mu mashuri, cyane cyane abana b'abakobwa ;</p> <p>5° Gushakira ibisubizo ibibazo byihariye by'umugore</p> <p>6° Kugirana ubutwererane n'izindi nzego , zaba iza Leta cyangwa izigenga, zifite ibikorwa by'iterambere ry'umugore</p> <p><u>Ingingo ya 3</u></p> <p>Icyicaro y'Umuryango gishyizwe mu Muji wa KIGALI, Akarere ka Nyarugenge, agasanduku k'iposita 1117 KIGALI.</p> <p>Gishobora kwimurirwa ahandi mu Rwanda byemejwe n'Inteko Rusange. Umuryango ukorera mu gihugu hose.</p> <p>UMUTWE WA II.</p> <p>IBYEREKEYE ABANYAMURYANGO.</p> <p><u>Ingingo ya 4</u></p> <p>Umuryango ugizwe n'abanyamuryango bawushinze, abawinjiyemo, inshuti n'ab'icyubahiro.</p> <p>Abanyamuryango bawushinze n'abawinjiyemo nibo bonyine banyamuryango nyirizina.</p>
<p><u>Article 5</u></p> <p>Est membre fondateur tout signataire des statuts de l'Association tels qu'adoptés le 14 décembre 1991.</p> <p>Est membre adhérent ou membre sympathisant, toute personne physique ou morale qui adhère aux présents statuts et qui remplit les conditions suivantes:</p> <ul style="list-style-type: none"> - En faire une demande écrite à la Présidente de l'Association; - Avoir une recommandation écrite de 2 membres au moins; - Présenter son curriculum vitae pour une personne physique, ou ses statuts et son règlement d'ordre intérieur pour une personne morale; - Etre dotée de la personnalité juridique pour une personne morale; - Etre reconnue de bonne moralité; - S'acquitter de la cotisation d'adhésion; - Etre agréé par l'Assemblée Générale sur recommandation du Conseil d'Administration. <p>Est membre d'honneur toute personne physique ou</p>	<p><u>Ingingo ya 5</u></p> <p>Umunyamuryango wawushinze ni uwashyize umukono ku mategeko shingiro y'Umuryango nkuko yemejwe ku wa 14 Ukuboza 1991.</p> <p>Umunyamuryango winjiyemo cyangwa incuti y'Umuryango, ni umuntu wese cyangwa igisamuntu wemeye gukurikiza aya amategeko kandi akaba yujuje ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kubisaba Umuyobozi w'Umuryango mu nyandiko; - Gushyigikirwa mu nyandiko nibura n'abanyamuryango babiri; - Gutanga umwirondoro we iyo ari umuntu ku giti cye cyangwa amategeko shingiro n'amategeko nengamikorere iyo ari igisamuntu; - Kugira ubuzimagatozi iyo ari igisamuntu; - Kuba azwiho imyifatire myiza; - Gutanga inshingamuryango; - Kwemerwa n'Inteko Rusange y'Umuryango bisabwe n'Inama y'Ubuyobozi. <p>Umunyamuryango w'icyubahiro ni umuntu wese</p>

<p>morale ayant une utilité remarquable à l'Association. Elle est agréée par l'Assemblée Générale sur recommandation du Conseil d'Administration.</p> <p>Article 6.</p> <p>Tout membre effectif a les droits suivants:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Elire et être éligible dans tous les organes de l'Association; - Etre informé des activités de l'Association et y participer. <p>Tout membre sympathisant ou d'honneur a le droit d'être informé des activités de l'Association auxquelles il peut participer avec voix consultative.</p>	<p>cyangwa igisamuntu ufitiye Umuryango akamaro kagaragara.Yemezwa n'Inteko Rusange bisabwe n'Inama y'Ubuyobozi.</p> <p>Ingingo ya 6.</p> <p>Umunyamuryango nyirizina wese afite uburenganzira bukurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gutora no gutorwa mu nzego zose z'Umuryango; - Kumenyeshwa ibikorwa by'Umuryango, no kubigiramo uruhare. <p>Umunyamuryango w'icyubahiro cyangwa incuti afite uburenganzira bwo kumenyeshwa ibikorwa by'Umuryango no kubigiramo uruhare abyishakiye mu buryo ngishwanama.</p>
<p>Article 7.</p> <p>Tout membre a le devoir de respecter les statuts et les règlements de l'Association, Tout membre effectif ou sympathisant a le devoir de s'acquitter des cotisations à l'association dont la cotisation annuelle.</p> <p>Tout membre effectif a le devoir de participer activement et régulièrement aux réunions des organes de l'Association dont il est membre et aux activités de celle-ci dans lesquelles il est invité.</p> <p>Article 8.</p> <p>La qualité de membre se perd par:</p> <ul style="list-style-type: none"> - la démission volontaire ou - l'exclusion. <p>La démission est faite par écrit adressé au Conseil d'Administration qui en informe l'Assemblée Générale. La démission est réputée acquise après un délai de trois mois.</p> <p>L'exclusion est une sanction infligée à tout membre qui n'accomplit pas ses devoirs ou qui n'est plus de bonne moralité. L'exclusion est décidée par l'Assemblée Générale à la majorité des deux tiers des membres effectifs présents à l'Assemblée Générale.</p> <p>CHAPITRE III.</p> <p>DES ORGANES DE L'ASSOCIATION.</p> <p>Article 9</p> <p>L'Association dispose des organes centraux et des organes décentralisés Les organes centraux de l'Association sont :</p>	<p>Ingingo ya 7</p> <p>Umunyamuryango wese afite inshingano yo kubahiriza amategeko shingiro n'amabwiriza y'Umuryango. Umunyamuryango nyirizina wese cyangwa incuti afite inshingano yo gutanga imisanzu y'Umuryango harimo umusanzu wa buri mwaka.</p> <p>Umunyamuryango nyirizina afite inshingano zo kwitabira ashishikaye inama z'inzego arimo n'ibikorwa by'Umuryango atumiwemo.</p> <p>Ingingo ya 8</p> <p>Ubunyamuryango butakazwa mu buryo bukurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusezera ku bushake cyangwa - Kwirukanwa. <p>Gusezera mu muryango bikorwa mu nyandiko, ishyikirizwa Inama y'Ubuyobozi nayo ikabimenyeshya Inteko Rusange. Isezera rifatwa nk'iryemewe nyuma y'amezi 3.</p> <p>Kwirukanwa ni igihano gihabwa umunyamu-ryango iyo atuzura inshingano ze cyangwa atagifite imyifatire myiza. Uko kwirukanwa byemezwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bw'amajwi bwa bibiri bya gatatu by'abanyamuryango nyirizina bari mu nteko rusange</p> <p>UMUTWE WA III</p> <p>IBYEREKEYE INZEGO Z'UMURYANGO.</p> <p>Ingingo ya 9</p> <p>Umuryango ufite inzego nkuru n'iz'ibanze</p> <p>Inzego nkuru z'Umuryango ni izi :</p>

<ul style="list-style-type: none"> - L'Assemblée Générale; - Le Conseil d'Administration; - Les Hautes commissions; 	<ul style="list-style-type: none"> - Inteko Rusange; - Inama y'Ubuyobozi; - Komisiyo Nkuru
<ul style="list-style-type: none"> - Le Collège de Surveillance; - Le Secrétariat Exécutif. <p>Les organes décentralisés sont déterminés par le règlement d'ordre intérieur.</p> <p>Sans préjudice aux dispositions des présents statuts, l'organisation et le fonctionnement des organes sont détaillés dans le règlement d'ordre intérieur.</p> <p><u>Article 10</u></p> <p>L'Assemblée Générale est l'organe suprême de l'Association. Elle a les attributions suivantes :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° Fixer les orientations et la politique générale de l'Association ; 2° Adopter les plans d'action et déterminer les activités de l'Association ; 3° Adopter ou modifier les statuts et le règlement d'ordre intérieur de l'Association ; 4° Approuver les budgets et les comptes annuels de l'Association ; 5° Elire les membres du Conseil d'Administration et mettre fin à leur mandat ; 6° Admettre, suspendre et exclure un membre de l'Association ; 7° Elire les commissaires au compte et mettre fin à leur mandat ; 8° Approuver les rapports annuels d'activités et financiers de l'Association ; 9° Donner l'orientation dans la fixation des cotisations et en fixer les montants si nécessaires ; 10° Elire les présidents de hautes Commissions ainsi que les membres du Bureau Directeur et du Collège de surveillance, et mettre fin à leur mandat ; 11° Approuver les membres des Hautes Commissions proposés par le Conseil d'Administration ; 12° Approuver le Secrétaire Exécutif proposé par le Conseil d'Administration ; 13° Annuler ou modifier toute décision de tout organe de l'Association ; 14° Formuler des recommandations pertinentes relatives à la condition de la femme ; 	<ul style="list-style-type: none"> - Komisiyo Nkuru - Inama y'Ubugenzuzi; - Ubunyamabanga Nshingwabikorwa. <p>Inzego z'ibanze ziteganywa n'amategeko ngengamikorere.</p> <p>Bitanyuraniye n'aya mategeko, imiterere n'imikorere y'inzego z'Umuryango bisobanuwe mu mategeko ngengamikorere.</p> <p><u>Ingingo ya 10</u></p> <p>Inteko Rusange nirwo rwego rw'ikirenga rw'Umuryango. Ifite inshingano zikurikira :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° Gushyiraho umurongo rusange Umuryango ugenderaho ; 2° Kwemeza imigambi y'ibikorwa na gahunda z'imirimo by'Umuryango ; 3° Kwemeza cyangwa guhindura amategeko shingiro n'amategeko ngangamikorere y'Umuryango ; 4° Kwemeza ingengo z'imali n'ibaruramutungo ry'Umuryango ; 5° Gutora abagize inama u'Ubuyobozi no kubakuraho ; 6° Kwemera cyangwa gukuraho umunyamuryango ; 7° Gutora abagenzuzi no kubakuraho ; 8° Kwemeza raporo z'ibikorwa n'imari z'Umuryango; 9° Gushyiraho umurongo ukurikizwa mu kugena imisanzu, no kugena ingano yayo bibaye ngombwa; 10° Gutora abayobozi ba za Komisiyo Nkuru hamwe n'abagize Biro Nyobozi n'Inama y'Ubugenzuzi, no kubavanaho; 11° Kwemeza abagize za komisiyo Nkuru berekanywe n'Inama y'Ubuyobozi; 12° Kwemeza Umunyamabanga Nshingwabikorwa werekanywe n'Inama y'ubuyobozi; 13° Kuvanaho cyangwa guhindura icyemezo cyose cy'urwego rwose rw'Umuryango; 14° Kugaragaza ibyifuzo bihamye byerekeye imimerere y'umugore;
<ol style="list-style-type: none"> 15° Accepter des dons et legs 16° Examiner toute question intéressant l'Association ; 17° Décider de la dissolution de l'Association et de l'affectation des biens de celle-ci 	<ol style="list-style-type: none"> 15° Kwemera impano n'irage 16° Gusuzuma ikibazo cyose kireba Umuryango; 17° Kwemeza iseswa ry'Umuryango n'amerekezo y'umutungo wawo.

<p>après liquidation .</p> <p>Article 11</p> <p>L'Assemblée Générale est composée comme suit :</p> <p>1° Les présidents locaux ou leurs suppléants ;</p> <p>2° Un représentant régional par 10 membres d'une région, élu par l'Assemblée régionale pour un mandat de deux ans renouvelable.</p> <p>Les membres sympathisants et les membres d'honneurs assistent aux travaux de l'Assemblée Générale avec voix consultative.</p> <p>Article 12</p> <p>L'Assemblée Générale se réunit une fois par an en session ordinaire. Elle peut se réunir en session extraordinaire soit:</p> <ul style="list-style-type: none"> - sur décision du Conseil d'Administration; - sur demande du Collège de Surveillance; - sur demande du quart de ses membres; - sur l'initiative de la Présidente de l'Association. <p>L'Assemblée Générale est convoquée par la Présidente de l'Association, ou à défaut par l'une des Vice-présidentes.</p> <p>En cas d'absence ou d'empêchement simultané de la Présidente et des Vice- présidentes, ou en cas de leur défaillance, l'Assemblée Générale est convoquée soit par:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Un des membres du Conseil d'Administration ; à défaut 	<p>Ingingo ya 11</p> <p>Inteko rusange igizwe n'aba bakurikira:</p> <p>1° Abakuru b'Uturere cyangwa ababungirije</p> <p>2° Uhagarariye buri tsinda ry'abanyamuryango 10 ba buri ntara, utowe n'Inteko y'Intara mu gihe cy'imyaka 2, kandi ashobora kongera gutorwa.</p> <p>Inshuti z'Umuryango n'abanyamuryango b'icyubahiro bakurikirana imirimo y'Inteko Rusange mu buryo ngishwanama.</p> <p>Ingingo ya 12</p> <p>Inteko Rusange iterana ku buryo busanzwe rimwe mu mwaka. Ishobora kandi guterana mu nama idasanzwe:</p> <ul style="list-style-type: none"> - byemejwe n'Inama y'Ubuyobozi; cyangwa - bisabwe n'Inama y'ubugenzuzi; cyangwa - bisabwe na kimwe cya kane cy'abayigize; cyangwa - Umuyobozi w'Umuryango abyibwirije. <p>Inteko Rusange itumizwa n'Umukuru w'Umuryango, cyangwa umwe mu bamwungirije iyo atabonetse.</p> <p>Iyo Umuyobozi n'abamwungirije baburiye rimwe cyangwa batabyitayeho, Inteko Rusange itumizwa na:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi; bitashoboka
<ul style="list-style-type: none"> - Un des membres du Collège de Surveillance ; à défaut <p>·</p> <ul style="list-style-type: none"> - Un membre mandaté par au moins 1/3 des membres effectifs de l'Association. <p>Dans ces cas, l'Assemblée Générale se choisit un président de la réunion, séance tenante.</p> <p>L'Assemblée Générale statue valablement au cas où au moins ¾ des organes cités à l'article 11 sont représentés.</p> <p>Au cas où ce quorum n'est pas atteint, une autre réunion est convoquée et statue valablement indépendamment du nombre des présences.</p> <p>Les décisions sont prises à la majorité simple des membres présents.</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Umwe mu bagize Inama y'Ubugenzuzi; bitashoboka - Umwe mu banyamuryango wahawe ububasha na 1/3 cy'abanyamuryango nyirizina. <p>Muri icyo gihe inama iyoborwa n'umwe mu banyamuryango utorewe aho.</p> <p>Inteko Rusange iterana nibura bitatu bya kane by'inzego z'ibanze zihagarariwe mu buryo buteganywa n'amategeko ngamikorere.</p> <p>Iyo uwo mubare utabonetse, Inteko yongera gutumizwa, igafata ibyemezo hatitawe ku mubare w'abaje.</p> <p>Ibyemezo bifatwa ku bwiganze busanzwe bw'abahari.</p>

<p>Article 13</p> <p>L'Association est administrée par un Conseil d'Administration composé d'une Présidente, de deux Vice-présidentes, d'un Secrétaire, d'un Trésorier, des Présidents des Hautes Commissions et des Présidents régionaux, toutes élues pour un mandat de 3 ans, renouvelable une seule fois.</p> <p>La Présidente, les Vice-présidentes, le Secrétaire et le Trésorier constituent le Bureau Directeur de l'Association. Les membres du Bureau Directeur et les Présidents des Hautes Commissions sont élues par l'Assemblée Générale, poste par poste.</p> <p>Toutefois, les postes de Présidence et de Vice-Présidence sont toujours assurés par un membre de sexe féminin.</p> <p>Les élections se font par écrit, à bulletins secrets, sous la direction d'un Comité électoral composé de 4 personnes désignées par l'assemblée votante séance électorale tenante dont un président et un rapporteur.</p>	<p><u>Ingingo ya 13</u></p> <p>Umuryango uyoborwa n'Inama y'Ubuyobozi igizwe na Perezida, ba Visi Perezida babiri, Umunyamabanga, Umubitsi, Abayobozi ba za Komisiyo Nkuru n'abaperezida b'Intara. Bose batorerwa igihe cy'imyaka 3, bashobora kongera gutorwa inshuro imwe gusa.</p> <p>Perezida, ba Visi Perezida, Umunyama-banga n'Umubitsi bagize Biro Nyobozi y'Umuryango. Abagize Biro Nyobozi hamwe n'Abayobozi ba za Komisiyo Nkuru, batorwa n'Inteko Rusange, umwanya ku wundi.</p> <p>Ariko buri gihe, Perezida na Visi-Perezida bagomba kuba ari igitsina gore.</p> <p>Amatora akorwa mu nyandiko, mu ibanga, ayobowe n'akanama k'itora kagizwe n'abantu 4, harimo umuyobozi n'umwanditsi bashyizweho n'Inteko igiye gutora, mu nama yo gutora.</p>
<p><u>Article 14</u></p> <p>Les candidatures sont présentées personnellement, poste par poste, séance tenante, au Comité électoral.</p> <p>Les curriculum vitae des candidats sont présentés à l'Assemblée votante avant les élections.</p> <p>La Présidente et les Vice-présidentes du Conseil d'Administration sont à la fois respectivement Présidente et Vice-présidentes de l'Association ainsi que Représentante et Représentantes suppléantes de celle-ci.</p> <p>Le Conseil d'Administration dispose des pouvoirs les plus étendus d'administration de l'Association non expressément réservés à l'Assemblée Générale.</p> <p>Le Conseil d'Administration se réunit au moins une fois le trimestre. Le Bureau Directeur se réunit au moins une fois le mois.</p>	<p><u>Ingingo ya 14</u></p> <p>Hiyamamarizwa umwanya ku wundi, buri muntu ku giti cye, akabibwira akanama k'itora mu nama y'inteko.</p> <p>Abiyamamaza batanga imyirondoro yabo mu nteko mbere y'itora.</p> <p>Perezida niwe uhagarariye Umuryango, yungirijwe na ba Visi Perezida.</p> <p>Inama y'Ubuyobozi ifite ububasha busesuye bwo kuyobora Umuryango, butagenewe Inteko Rusange mu buryo bweruye.</p> <p>Inama y'Ubuyobozi iterana nibura rimwe mu mezi atatu, Biro Nyobozi yo igaterana nibura rimwe mu kwezi.</p>
<p><u>Article 15</u></p> <p>Le Collège de Surveillance est composé de trois personnes membres de l'Association, toutes élues par l'Assemblée Générale pour un mandat de deux années renouvelable.</p> <p>Le Collège de Surveillance est chargé du contrôle de la gestion administrative et patrimoniale de l'Association. Il fait rapport à l'Assemblée Générale et au Conseil d'Administration. Il effectue ses contrôles au moins une fois le trimestre.</p>	<p><u>Ingingo ya 15</u></p> <p>Inama y'ubugenzuzi igizwe n'abantu batatu b'abanyamuryango, batorerwa igihe cy'imyaka ibiri. Bashobora kongera gutorwa.</p> <p>Inama y'Ubugenzuzi ishinze kugenzura imicungire y'umutungo n'imiyoborere y'Umuryango. Ishyikiriza raporo Inteko Rusange n'Inama y'Ubuyobozi. Igenzura nibura rimwe mu mezi atatu.</p>

<p><u>Article 16</u></p> <p>Les hautes commissions sont chargées de faire des analyses et études pour la réalisation de l'objet de l'Association.</p> <p>En outre, elles appuient techniquement le Conseil d'Administration et le Secrétariat Exécutif dans la mise en oeuvre des activités de l'Association.</p>	<p><u>Ingingo ya 16</u></p> <p>Komisiyo Nkuru zishinzwe isesengura n'iyiga kugira ngo intego y'Umuryango igerweho.</p> <p>Zifasha kandi Inama y'Ubuyobozi n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa mu gutunganya ibikorwa by'Umuryango.</p>
<p><u>Article 17</u></p> <p>Lorsque un membre du Conseil d'Administration s'absente deux fois successives, sans motif valable, ou s'absente quatre fois successives ou devient incompetent, l'Assemblée Générale, saisie par la Présidente procède au remplacement du membre défaillant. Lorsque le membre défaillant concerné est la Présidente, l'Assemblée Générale est saisie soit par tout membre du conseil d'administration, soit le collège de surveillance. Le remplaçant termine le mandat du membre défaillant.</p> <p>CHAPITRE IV.</p> <p>DU PATRIMOINE DE L'ASSOCIATION.</p> <p><u>Article 18 :</u></p> <p>L'Association peut acquérir des biens meubles et immeubles nécessaires, pour la réalisation de son objet.</p> <p>Les ressources de l'Association proviennent du bénévolat et des cotisations des membres, des dons, subventions et legs ainsi que toute autre opération réalisée en rapport direct ou indirect avec son objet.</p> <p>Les modalités d'utilisation des ressources de l'Association sont consignées dans un règlement financier établi par le Conseil d'Administration.</p> <p>CHAPITRE V.</p> <p>DE LA MODIFICATION DES STATUTS, DE LA DISSOLUTION DE L'ASSOCIATION ET DES DISPOSITIONS FINALES.</p> <p><u>Article 19</u></p> <p>Toute modification aux présents statuts est décidée par la majorité absolue des membres effectifs siégeant à l'Assemblée Générale .</p>	<p><u>Ingingo ya 17</u></p> <p>Mu gihe umwe mu bagize inama y'ubuyobozi asibye inama inshuro 2 zikurikirana nta mpamvu yumvikana, cyangwa inshuro 4 zikurikirana cyangwa se nta bushobozi agaragaza, Inteko Rusange, ibigejweho n'uhagarariye umuryango, iramusimbura. Iyo umwe mu bagize inama y'ubuyobozi wananiwe ari Uhagarariye Umuryango, Inteko Rusange ibimenyeshwa n'umwe mu bagize inama y'ubuyobozi, cyangwa inama y'ubugenzuzi. Umusimbura arangiza igihe cy'uwo asimbuye yari yaratorewe.</p> <p>UMUTWE WA IV.</p> <p>IBYEREKEYE UMUTUNGO W'UMURYANGO</p> <p><u>Ingingo ya 18</u></p> <p>Umuryango ushobora gutunga ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa bikenewe, kugira ngo ugere ku ntego yawo.</p> <p>Inkomoko z'umutungo w'Umuryango ni ubwitange n'imisanzu by'abanyamuryango, imfashanyo, impano, indagano n'ibikorwa byose bifatanyeho isano iziguye cyangwa itaziguye n'intego y'Umuryango.</p> <p>Uburyo umutungo ukoreshwa bivugwa n'amategeko y'imikoreshereze y'imari ashirwaho n'Inama y'Ubuyobozi</p> <p>UMUTWE WA V.</p> <p>IBYEREKEYE IHINDURWA RY'AMATEGEKO, ISESWA RY'UMURYANGO N'INGINGO ZISOZA</p> <p><u>Ingingo ya 19</u></p> <p>Ihindurwa ryose ry'aya mategeko shingiro rikorwa n'Inteko Rusange, ku bwiganze busesuye bw'abayigize.</p>
<p><u>Article 20</u></p> <p>La dissolution de l'Association est prononcée sur</p>	<p><u>Ingingo ya 20</u></p> <p>Iseswa ry'Umuryango ryemezwa na 2/3</p>

JO N°22 OF 15/11/2008

<p>décision des membres effectifs prise à la majorité des 2/3 ou par décision judiciaire.</p> <p>En cas de dissolution, le patrimoine est cédé à d'autres organisations rwandaises ayant dans leurs attributions la promotion de la femme rwandaise désignées par l'Assemblée Générale.</p> <p><u>Article 21</u></p> <p>Pourtant ce qui n'est pas prévu dans les présents statuts, l'Association se réfère à son règlement d'ordre intérieur et à la législation rwandaise.</p> <p>Les présents statuts entrent en vigueur à la date de leur adoption par l'Assemblée Générale, tels que modifiés à ce jour.</p> <p>Fait à Kigali, le 09/03/2002</p>	<p>by'abanyamuryango nyirizina bose cyangwa n'urukiko.</p> <p>Umuryango uramutse usheshwe, umutungo wawo uhabwa indi miryango ishinze imizamukire y'umunyarwandakazi igenwe n'Inteko Rusange.</p> <p><u>Ingingo ya 21</u></p> <p>Ku bidateganijwe muri aya mategeko shingiro, Umuryango ukurikiza amategeko ngengamikorere yawo n'amategeko y'u Rwanda.</p> <p>Aya mategeko shingiro atangira gukurikizwa umunsi yemerejweho n'Inteko Rusange, nkuko yahinduwe kugeza ubu.</p> <p>Bikorewe i Kigali, kuwa 09/03/2002</p>
<p>La Présidente de SERUKA</p> <p>MUKANDIMANYI Consolata (sé)</p>	<p>Perezida wa SERUKA</p> <p>MUKANDIMANYI Consolata (sé)</p>
<p>La Première Vice-Présidente de SERUKA</p> <p>MUREKEYISONI Immaculée (sé)</p>	<p>Visi-Perezida wa mbere wa SERUKA</p> <p>MUREKEYISONI Immaculée (sé)</p>
<p>La Deuxième Vice-Présidente de SERUKA</p> <p>KAYITESI Jeanne Flora (sé)</p>	<p>Visi-Perezida wa kabiri wa SERUKA</p> <p>KAYITESI Jeanne Flora (sé)</p>

ITEKA RYA MINISITIRI N°204/15.00/07 RYO KUWA 30/05/2007 RIHA UBUZIMAGATOZI COOPERATIVE DE MISE EN COMMUN KANAMA «COMICOKA»

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Guteza imbere Ishoramari, Ubukerarugendo n'Amakoperative,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120, iya 121 n'ya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 31/1988 ryo kuwa 12 Ukwakira 1988 rigena Imitunganyirize y'Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 9 ;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo kuwa 18 Nyakanga 2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo zaryo iya mbere n'ya 2 ;

Abisabwe na Perezida wa «COMICOKA», ifite icyicaro i Kanama, Umurenge wa Kanama, Akarere ka Rubavu, Intara y'Iburengerazuba, mu rwandiko rwe rwo kuwa 16 /04/ 2007;

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere :

KOPERATIVE «COMICOKA», ifite icyicaro i Kanama, Umurenge wa Kanama, Akarere ka Rubavu, Intara y'Iburengerazuba, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2 :

KOPERATIVE «COMICOKA» igamije guteza imbere abanyamuryango ibafasha kwizigamira no kubona inguzanyo zibafasha kwikemurira ibibazo.

Ingingo ya 3 :

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ryatangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 30/05/2007

**Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Guteza imbere Ishoramari,
Ubukerarugendo n'Amakoperative**

MITALI K. Protais
(sé)

ITEKA RYA MINISITIRI N°684/15.00/07 RYO KUWA 18/12/2007 RIHA UBUZIMAGATOZI COOPERATIVE DE DEVELOPPEMENT DU BIEN ETRE FAMILIAL «CDEF»

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Guteza imbere Ishoramari, Ubukerarugendo n'Amakoperative,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120, iya 121 n'ya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 31/1988 ryo kuwa 12 Ukwakira 1988 rigena Imitunganyirize y'Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 9 ;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo kuwa 18 Nyakanga 2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo zaryo iya mbere n'ya 2 ;

Abisabwe na Perezida wa **KOPERATIVE «CDEF»**, ifite icyicaro i Kamukina, Umurenge wa Kimihurura, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, mu rwandiko rwe rwo kuwa 22 /08/ 2007;

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere :

KOPERATIVE «CDEF, ifite icyicaro i Kamukina, Umurenge wa Kimihurura, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali , ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2 :

KOPERATIVE «CDEF» igamije guteza imbere ubuhinzi bw'ibihumyo n'imboga (amashu, inyanya na karoti).

Ingingo ya 3 :

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ryatangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 18/12/2007

**Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Guteza imbere Ishoramari,
Ubukerarugendo n'Amakoperative**

MITALI K. Protais
(sé)

ITEKA RYA MINISITIRI N°56/11 RYO KUWA 18/04/2008 RIHA UBUZIMAGATOZI «UMURYANGO NYARWANDA W'IMFUBYI ZA SIDA ZISHYIZE HAMWE (AMAHORO) » KANDI RYEMERA ABAVUGIZI BAWO.

MINISTERIAL ORDER N° 56/11 OF 18/04/2008 GRANTING LEGAL STATUS TO THE «RWANDAN ASSOCIATION FOR HIV/AIDS ORPHANS (AMAHORO) » AND APPROVING ITS LEGAL REPRESENTATIVES.

ARRETE MINISTERIEL N° 56/11 DU 18/04/2008 ACCORDANT LA PERSONNALITE CIVILE A L'«ASSOCIATION RWANDAISE DES ORPHELINS DU SIDA (AMAHORO) » ET PORTANT AGREMENT DE SES REPRESENTANTS LEGAUX.

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta,

The Minister of Justice / Attorney General,

Le Ministre de la Justice / Garde des Sceaux,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavugururwe kugeza ubu,cyane cyane mu ngingo zaryo ya 120 n'iya 121 ;

Pursuant to the Constitution of the republic of Rwanda of 4 June 2003 as amended to date,especially in Articles 120 and 121;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 120 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu,cyane cyane mu ngingo zaryo ya 8,iya 9,iya 10 n'iya 20 ;

Pursuant to Law n° 20/2000 of 26/07/2000, providing for Non Profit Making Organizations, especially in Articles 8,9,10 and 20;

Vu la Loi n° 20/2000 du 26/07/2008 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 8, 9,10 et 20

Amaze kubona Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo kuwa 18/07/2004 rigena amwe mu Mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere ;

Pursuant to the Presidential Order n° 27/01 of 18/07/2004, providing for Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;

Vu l'Arrêté Présidentiel n° 27/012 du 18/07/2004 déterminant certains Arrêtés Ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres ,spécialement en son article premier ;

Abisabwe n'Umuvugizi w'« UMURYANGO NYARWANDA W'IMFUBYI ZA SIDA ZISHYIZE HAMWE (AMAHORO) » mu rwandiko rwakiriwe kuwa 24/05/i 2002 ;

Upon request lodged by the Legal Representative of the «RWANDAN ASSOCIATION FOR HIV / AIDS ORPHANS (AMAHORO) »on 24/05/2002;

Sur requête du Représentant Légal de l'« ASSOCIATION RWANDAISE DES ORPHELINS DU SIDA (AMAHORO)» reçue le 24/05/ 2002 ;

ATEGETSE :

**Ingingo ya mbere : Izina n'icyicaro
by'Umuryango**

Ubuzimagatozi buhawe «UMURYANGO NYARWANDA W'IMFUBYI ZA SIDA ZISHYIZE HAMWE (AMAHORO) », ufite icyicaro cyawo Kacyiru, mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

Ingingo ya 2 : Intego z'Umuryango

Umuryango ugamije :

- Gukangurira abanyamuryango kwirinda SIDA
- Gukangurira imfubyi za Sida ngo zishyire hamwe zirwanye ibibazo bizugarije ;
- Gukangurira urubyiruko kureka uburaya n'ubusizi no gukunda umurimo ibyo tubikora dukoresheje ubuhanzi,dukina ikinamico imivugo n'ubuhamya kuri Sida ;

HEREBY ORDERS:

**Article One: Name and
Headquarters of the
Association**

Legal status is granted to the «RWANDAN ASSOCIATION FOR HIV / AIDS ORPHANS (AMAHORO) » that shall be situate in Kacyiru, Gasabo District, Kigali-City.

Article 2: Objectives of the Association

The objectives of the Association are the following :

- Sensitizing the members of association about dangers of HIV/ AIDS
- Sensitizing the members of association to harmonize and work together to fight against problems they are facing (immoral actions)
- Sensitizing though youth to crew a big gap between themselves and prostitution drunkenness and develop love for work, this can be done though composing poems, organizing spectacles and testimonies about the dangers of aids.;

ARRETE:

**Article premier : Denominaton et siège
de l'Association**

La personnalité civile est accordée à l'«ASSOCIATION RWANDAISE DES ORPHELINS DU SIDA (AMAHORO) » dont le siège est à Kacyiru, District de Gasabo, Ville de Kigali.

Article 2 : Objet de l'Association

L'Association a pour objet :

- Sensibiliser les membres de l'Association sur le HIV / SIDA ;
- Sensibiliser les orphelins du SIDA à travailler en association pour mieux lutter contre les problèmes qui les attendent ;
- Sensitizing les jeunes sur les méfaits de la prostitution et de l'ivrognerie pour les témoignages sur le SIDA, par les poèmes et par les pièces de théâtre ;

Ingingo ya 3 : Abavugizi b’Umuryango

Uwemerewe kuba Umuvugizi w’ « UMURYANGO NYARWANDA W’IMFUBYI ZA SIDA ZISHYIZE HAMWE (AMAHORO) » ni Bwana KAYITARE Emmanuel, Umunyarwanda uba mu Murenge wa Nyarugenge, mu Karere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali.

Uwemerewe kuba Umuvugizi Wungirije w’Umuryango ni Bwana UWIRAGIYE Jean de Dieu, Umunyarwanda, uba mu Murenge wa Kinyinya, mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira Gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.

Kigali, kuwa 18/04/2008

Minisitiri w’Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta

KARUGARAMA TAHARCISSE
(sé)

Article 3: Legal Representatives

Mr KAYITARE Emmanuel of Rwandan Nationality, residing in Nyarugenge Sector, Nyarugenge District, Kigali-City, is hereby authorized to be the Legal Representative of the «RWANDAN ASSOCIATION FOR HIV/AIDS ORPHANS (AMAHORO) ».

Mr UWIRAGIYE Jean de Dieu of Rwandan Nationality, residing in Kinyinya Sector, Gasabo District, Kigali City is authorized to be the Deputy Legal Representative of the same Association.

Article 4: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 18/04/2008

The Minister of Justice / Attorney General

KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

Article 3: Représentants Légaux

Est agréé en qualité de Représentant Légal de l’«ASSOCIATION RWANDAISE DES ORPHELINS DU SIDA (AMAHORO) », Monsieur KAYITARE Emmanuel, de nationalité rwandaise, résidant dans le Secteur Nyarugenge, en District de Nyarugenge, Ville de Kigali.

Est agréé en qualité de Représentant Légal Suppléant de la même Association, Monsieur UWIRAGIYE Jean de Dieu, de nationalité rwandaise, résidant dans le Secteur Kinyinya, en District de Gasabo, Ville de Kigali.

Article 4 : Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 18/04/2008

Le Ministre de la Justice /Garde des Sceaux

KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

RWANDA ASSOCIATION FOR HIV/AIDS
ORPHANS
AMAHORO (PEACE)

ASSOCIATION RWANDAISE DES
ORPHELINS DU SIDA ASSOCIES
“AMAHORO” (asbl)

UMURYANGO UDAHARANIRA INYUNGU
UMURYANGO NYARWANDA W’IMFUBYI
ZA SIDA ZISHYZE HAMWE
« AMAHORO »

STATUTES

STATUTS

AMATEGEKO-SHINGIRO

CHAPTER ONE

CHAPITRE PREMIER

UMUTWE WA MBERE

**NAME, HEAD OFFICE DURATION
OBJECTIVE**

**DENOMINATION, SIEGE SOCIAL, DUREE
ET OBJET**

IZINA, ICYICIRO, IGIHE N’INTEGO

Article One

In accordance with laws governing non profit making organisations especially n° 20/2000 of 26/07/2000 a non profit making association to be known as Rwanda Association or HIV/AIDS orphans “AMAHORO”

Article premier

Conformément à la loi n°20/2000 du 26/07/2000 relatif aux associations sans but lucratif. Il est créé une association dénommée ASSOCIATION RWANDAISE DES ORPHELINS DU SIDA « AMAHORO »

Ingingo ya mbere

Hakurikijwe itegeko n°20/2000 ryo ku wa 26 Nyakanga 2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu hashinzwe umuryango witwaga UMURYANGO NYARWANDA W’IMFUBYI ZA SIDA ZISHYZE HAMWE “AMAHORO”

Article 2

The head office the association is located in Kigali, District Gasabo Kigali city the head office of the Association can be replaced to another place in the permission of 2/3 of organisation. The Association will be working in our Province of the Country.

Article 2 :

Le siège social de l’association est à Kigali District de Gasabo dans la ville de Kigali. Il peut être transféré à n’importe quel endroit du Rwanda. Si c’est décidé par l’Assemblée Générale à la majorité de 2/3 des membres effectifs. L’association exerce ses activités surtout le territoire Rwandais.

Ingingo ya kabiri :

Intebe y’umuryango ishinzwe i Kigali, Akarere ka Gasabo, mu mujyi wa Kigali. Ishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda byemejwe na 2/3 by’abagize inteko rusange. Umuryango uzakorera imirimo yawo mu ifasi yose y’u Rwanda.

Article 3

Rwanda association for HIV/AIDS orphans shall indefinitely exist.

Article 4

To sensitize the members of association about two dangers of aids

To sensitize the members of the association to harmonise and work together to fight against our problems they we facing. (Immoral actions)

To sensitize true youth to crew a big gap btn themselves and prostitution, drunkenness and develop love for work. This can be done through composing poems, organising spectacles and testimonies about the dangers of aids.

CHAPTER TWO THE

MEMBERS OF THE ASSOCIATION

Article number 5:

The association is made up of the founders of the association. The members who will join and others honourable members.

Article 3 :

L'ASSOCIATION RWANDAISE DES ORPHELINS DU SIDA ASSOCIES « AMAHORO » est créée pour une durée illimitée.

Article 4:

L'association a pour objet:

- Sensibiliser les membres de l'association sur le VIH/SIDA:
- Encadrer les orphelins du Sida en association ;
- Sensibiliser les jeunes sur les méfaits de la prostitution et de l'ivrognerie pour les témoignages sur le sida. Par les poèmes et par les pièces de théâtre :

CHAPITRE II

DES MEMBRES

Article 5 :

L'association est composée des membres fondateurs. Des membres adhérents et des membres d'honneur.

Ingingo ya 3 :

UMURYANGO NYARWANDA W'IMFUBYI ZA SIDA ZISHYIZE HAMWE « AMAHORO » uzamara igihe kitagenewe iherezo.

Ingingo ya 4 :

Umuryango ugamije :

